**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

# AMABWIRIZA AGENGA IMIKORESHEREZE Y'IBIKORWAREMEZO BYA SIPORO BICUNGWA N'AMASHURI N'INZEGO ZA LETA

Hashingiwe ku myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 08/09/2022 ijyanye na gahunda yo guteza imbere imikino, abaturiye amashuri n'inzego za Leta bakagira uburyo bakoresha ibikorwaremezo by'imikino by'ayo mashuri n'inzego za Leta;

Minisiteri ya Siporo ifatanyije na Minisiteri y'Uburezi bishyizeho amabwiriza akurikira:

## Ingingo ya Mbere: ICYO AYA MABWIRIZA AGAMIJE

Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo ibikorwaremezo bya siporo biri mu mashuri ya Leta, amashuri afatanya na Leta kubw'amasezerano n'ibicungwa n'inzego za Leta bikoreshwa n'ababigana nta bwishyu.

## Ingingo ya 2: ABO AYA MABWIRIZA AREBA

Aya mabwiriza areba aba bakurikira:

(a) Ibigo by'amashuri n'inzego za Leta bifite ibikorwaremezo bya siporo bicunga mu nshingano zabyo;

(b) Abagana amashuri cyangwa ibigo bya Leta bifite ibikorwaremezo bya siporo n'abifuza gukora siporo (amatsinda akora siporo yabigize umwuga n'atarabigize umwuga, ibigo bya Leta , Ibigo by'abikorera, abantu ku giti cyabo, amarerero ya siporo);

(c) Minisiteri ifite Uburezi mu nshingano (MINEDUC);

(d) Minisiteri ifite Siporo mu nshingano (MINISPORTS);

(e) Minisiteri ifite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano (MINALOC);

(f) Inzego z'Ibanze.

## Ingingo ya 3: INSHINGANO Z'AMASHURI N'INZEGO ZA LETA

Amashuri n'inzego za Leta bifite inshingano zikurikira:

(a) Gushyira ingengabihe y'imikoreshereze y'ibikorwaremezo bya Siporo no kuyishyira ahagaragara;

(b) Kwemerera abagana ibikorwaremezo kubikoresha;

(c) Gucunga umutekano w'ibikorwaremezo bya siporo n'ahakorerwa siporo;

(d) Kubungabunga no gusana ibikorwaremezo bya siporo;

(e) Gushyiraho ibikorwaremezo bya siporo.

**Ingingo ya 4: INSHINGANO Z'ABATURIYE AHARI IBIKORWAREMEZO BYA SIPORO**

(a) Kubahiriza amabwiriza n'ingengabihe byashyizweho n'ishuri cyangwa urwego rwa Leta rucunga ibikorwaremezo bya siporo;
(b) Kubaha no gukoresha neza ibikorwaremezo n'ibikoresho bahasanze no kubigirira isuku;
(c) Kwitoramo itsinda rihagarariye (Volunteer committee) abakoresha ibikorwaremezo by'aho biherereye mu rwego rwo gushyira mu bikorwa aya mabwiriza;
(d) Kubungabunga ibikorwaremezo bya siporo binyujijwe mu buryo bw'umuganda n'ubundi buryo ubwo aribwo bwose bwumvikanyweho n'ubuyobozi bw'ishuri n'abakoresha ibikorwaremezo kubufatanye n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze zibegereye.

**Ingingo ya 5: INSHINGANO ZA MINISITERI IFITE UBUREZI MU NSHINGANO**

Minisiteri ifite Uburezi mu nshingano ifite inshingano zikurikira:

(a) Gukurikirana iyubahirizwa n' ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza mu mashuri ya Leta n'afashwa na Leta ku bw'amasezerano;
(b) Gukemura ibibazo bishingiye ku ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza mu rwego rwo kurushaho kuyumvikanisha no kuyubahiriza ;
(c) Gushishikariza ibigo by'amashuri ya Leta n'afatanya na Leta kubw'amasezerano, kwemerera ababigana gukoresha ibikorwaremezo bya siporo mu rwego rwo gukora siporo, mu gihe bitabangamiye gahunda z'amasomo ndetse n'izindi gahunda z'ishuri;

**Ingingo ya 6: INSHINGANO ZA MINISITERI IFITE UBUTEGETSI BW'IGIHUGU MU NSHINGANO**

Minisiteri ifite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ifite inshingano ikurikira:

(a) Gushishikariza inzego z'ibanze z'aho ibikorwaremezo bya siporo bibarizwa kugira imikoranire n'abacunga ibikorwaremezo bya siporo mu rwego rwo gufasha abaturage ndetse n'abanyeshuri mu bigo bidafite ibikorwaremezo bya siporo;
(b) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza;
(c) Gukemura ibibazo bishingiye ku ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza mu rwego rwo kurushaho kuyumvikanisha no kuyubahiriza ;
(d) Akarere gafite inshingano yo gukora raporo y'imikoreshereze y'ibikorwaremezo bya siporo mu mashuri no mu nzego za Leta kakayishyikiriza Minisiteri ifite siporo mu nshingano na Minisiteri ifite Uburezi mu nshingano buri gihembwe.

**Ingingo ya 7: INSHINGANO ZA MINISITERI IFITE SIPORO MU NSHINGANO**

Minisiteri ifite Siporo mu nshingano ifite inshingano ikurikira:

(a) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza;
(b) Gukemura ibibazo bishingiye ku ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza mu rwego rwo kurushaho kuyumvikanisha no kuyubahiriza ;
(c) Guhuza ibikorwa by'inzego zishinzwe gushyira mu bikorwa aya mabwiriza;
(d) Gutanga inama mu rwego rwa tekinike mu gushyiraho no gusana ibikorwaremezo bya siporo mu mashuri.

**Ingingo ya 8: INSHINGANO Z'INZEGO ZIBANZE**

Inzego z'ibanze zifite inshingano zikurikira:

(a) Kumenyekanisha aya mabwiriza abagana ibikorwaremezo bya siporo byo mu mashuri ya Leta, amashuri afashwa na Leta n'ibigo bicungwa n'inzego za Leta (harimo na Stade);
(b) Gukangurira abaturage kubungabunga ibikorwaremezo bya siporo;
(c) Gufatanya gusana ibikorwaremezo bya siporo bicungwa n'amashuri cyangwa inzego za Leta hifashishijwe ibikorwa rusange by'umuganda;
(d) Gufasha mu kunganira gucunga umutekano mu gihe hari igikorwa cy'amarushanwa;
(e) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza;
(f) Gukemura ibibazo bishingiye ku ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza mu rwego rwo kurushaho kuyumvikanisha no kuyubahiriza ;

**Ingingo ya 9: IBYICIRO BY'ABEMEREWE GUKORESHA IBIKORWAREMEZO BYA SIPORO NTA BWISHYU**

(1) Abemerewe gukoresha ibikorwaremezo bya siporo nta bwishyu ni aba bakurikira:

(a) Abafite ubumuga;
(b) Amarerero ya siporo atoza abana atishyuza (philanthropy/Charity Initiatives)
(c) Gahunda za siporo z'urubyiruko zitishyura;
(d) Ibigo by'amashuri bitagira ibikorwaremezo bya siporo;
(e) Abari muri siporo ya benshi;
(f) Abari muri siporo ya bose;

(2) Itsinda ryemerewe gukoresha ibikorwaremezo bya siporo nta bwishyu rigomba kugaragaza Icyemezo gitangwa n'inzego zibanze, cyerekana imiterere y'itsinda ry'abakwiye gukoresha ibikorwaremezo nta bwishyu.

**INGINGO YA 10: INGENGABIHE N'IMIKORESHEREZE Y'IBIKORWAREMEZO BYA SIPORO**

(a) Ku bibuga biri imbere mu kigo cy'ishuri cyangwa Urwego rwa Leta: Ibikorwaremezo bya siporo bizajya bikoreshwa mu gihe bitabangamiye amasomo ni ukuvuga ku munsi w'ikiruhuko, kuwa gatandatu no kucyumweru (weekend) no mu biruhuko n'ikindi gihe ubuyobozi bw'ishuri cyangwa urwego rwa Leta bushishoje bugasanga bitabangamira imyigire y'abana;
(b) Ku bibuga biri hanze y'ishuri cyangwa Urwego rwa Leta igikorwaremezo cya siporo gishobora gukoreshwa iminsi yose;
(c) Mu gihe umubare w'abagana ibikorwaremezo bya siporo ubaye munini habanza amatsinda ari muri gahunda y'urubyiruko.

**Ingingo ya 11: IBYICIRO BIKORESHA IBIKORWAREMEZO BYA SIPORO BYISHYURA**

(a) Ku ibyiciro bikoresha ibikorwaremezo byishyura, ishuri cyangwa urwego rwa Leta rugomba kugaragaza ibiciro (Tariff) kuri buri cyiciro gikora siporo mu buryo bw'umwuga, bwo kwishimisha cyangwa abafite amarerero bishyuza ababagana;
(b) Haseguriwe ibivugwa muri iyi ngingo, ubuyobozi bw'ishuri cyangwa urwego rwa Leta rugomba kugaragaza uburyo abishyura batabangamira abatishyura mu mikoreshereze y'ibikorwaremezo bya siporo.

**Ingingo ya 12 :ITANGAZWA RY'INGENGABIHE YO GUKORESHA IBIKORWAREMEZO BYA SIPORO N'IMIKINO**

(a) Ku bikorwaremezo bicungwa n'Akarere; Akarere gashyikiriza raporo y'imikoreshereze y'ibikorwaremezo bya siporo n'ingengabihe yo gukora siporo Minisiteri ifite siporo mu nshingano kakagenera kopi Minisiteri ifite Uburezi mu nshingano;
(b) Ku bikorwaremezo byo ku rwego rw'igihugu ingengabihe itangazwa na Minisiteri ifite Siporo mu nshingano;
(c) Ingengabihe igomba gushyirwa ahantu hagaragara ku gikorwaremezo cya siporo no ku biro by'ubuyobozi bw'Inzego z'Ibanze.

**Ingingo ya 13: IBIBUJIJWE**

(a) Nta muntu cyangwa itsinda rikorera siporo mu ishuri cyangwa igikorwaremezo cya siporo gicungwa na Leta wemerewe gukora ibikorwa bihungabanya cyangwa bibangamira gahunda ndetse n'umutekano w'abari mu ishuri cyangwa Urwego rwa Leta;
(b) Nta muntu cyangwa itsinda rikorera siporo mu ishuri cyangwa igikorwaremezo cya siporo gicungwa na Leta wemerewe kurenza igihe giteganyijwe ku ngengabihe yo kwitabira ibikorwa bya siporo;
(c) Birabujijwe kwiba, kutubahiriza amabwiriza cyangwa kwangiza ibikorwaremezo bya siporo cyangwa n'ibindi bintu byose usanze mu ishuri cyangwa Urwego rwa Leta.

**Ingingo ya 14: URWEGO RUSHINZWE GUKEMURA AMAKIMBIRANE**

Umuntu wese uhuye n'ikibazo kijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza agomba kubanza kugishyikiriza ubuyobozi bw'Umurenge ku rwego rwa mbere, ku rwego rwa kabiri gishyikirizwa Ubuyobozi bw'Akarere naho ku rwego rwa nyuma hiyambazwa Minisiteri ifite Siporo mu nshingano.

**Ingingo 15: IGIHE CY'AYA MABWIRIZA**

Igihe cy'aya mabwiriza ntikigenwe. Aya mabwiriza akomeza kubahirizwa mu gihe ntayandi arayasimbura.

**Ingingo 16: ABASHINZWE GUSHYIRA MU BIKORWA AYA MABWIRIZA**

Aya mabwiriza azashyirwa mu bikorwa na:

(a) Abayobozi b'amashuri ya Leta n'afashwa na Leta cyangwa urwego rwa Leta rufite ibikorwaremezo;
(b) Minisiteri ifite Uburezi mu nshingano;
(c) Minisiteri ifite Siporo mu nshingano;
(d) Minisiteri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano;
(e) Abayobozi b'inzego z'ibanze n'inzego za Leta;

**Ingingo 17: IVANWAHO RY'AYA MABWIRIZA N'INGINGO ZINYURANYE N'AYA MABWIRIZA**

Ingingo zose zinyuranyije n'aya mabwiriza zikuweho.

**Ingingo 18: IGIHE AYA MABWIRIZA ATANGIRA GUKURIKIZWA**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa umunsi ashyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali, ku wa 8 Ukuboza 2022.

Digitally signed by MINISPORTS(Minister of Sports)
Date: 2022.12.08 13:32:42 +02'00'

MINISITERI Y'UBUREZI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MUNYANGAJU Aurore Mimosa**
**Minisitiri wa Siporo**

**Dr. UWAMARIYA Valentine**
**Minisitiri w'Uburezi**

Umugereka-1

## ICYEMEZO GIHABWA PHILANTHROPHY/CHARITY SPORT ORGANISATION CG IKIGO CY'ISHURI

Ngewe ......................................................................Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka

.....................................................................................................................................

Umurenge wa

.....................................................................................................................................

Akarere ka

.....................................................................................................................................

Intara ya/Umugi wa Kigali

.....................................................................................................................

Tumaze gukora isuzuma dusanze

.................................................................................................

.....................................................................................................................................................
...........

Rikora ibikorwa bya siporo kuburyo butishyuzwa , tubasabiye ko babakira bagakoresha ibikorwa remeza ntakiguzi aho bishoboka.

Iki cyemezo kimara igihe cy'umwaka uhereye ...../........../........ kugeza....../......../..............

Iki cyemezo gita agaciro mugihe basanze impamvu zatumye bagitanga zinyuranye makuru batanze.

Urutonge mrarusanga ku mugereka w'iki cyemezo.

Murakoze,

Umuyobozi w'akagari

...............................

**Umugereka wa 2:**

**Ingengabihe**

| Igihe | Mon | Tue | Wed | Thu | Fri | Sat | Sund |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| AM | | | | | | | |
| PM | | | | | | | |